

POLISI Y'U RWANDA



IBIRO BY'UMUVUGIZI

B.P. 6304 KIGALI

www.police.gov.rw

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Polisi y'u Rwanda iramenyesha abantu bose ko habaye impinduka ku matariki yari ateganyijweho cyamunara y'ibinyabiziga byafashwe na Polisi kubera amakosa anyuranye.

Cyamunara yari iteganyijwe tariki ya 04 na 05 Gashyantare 2019 **yimuriwe tariki ya 08 Gashyantare**. Igihe cyo gusura ibyo binyabiziga n'aho cyamunara izabera ntibyahindutse.

Tuributsa abantu bose ko itegeko riteganya ko ikinyabiziga cyafatiriwe iyo kirengeje igihe cy'ukwezi muri parikingi ya Polisi gitezwa cyamunara.

Turasaba abantu bose bishyuye amande ku makosa ibinyabiziga byabo byafatiwemo ko bakwihutira kujyana inyemezabwishyu kuri Polisi bagatwara ibinyabiziga byabo bitaratezwa cyamunara.

Tuributsa ko kwiyitirira ikinyabiziga kitari icyawe bifatwa nk'icyaha cy'ubujura gihanwa n'amategeko.

Murakoze,

Bikorewe i-Kigali kuwa 24/01/2019


CP JB KABERA

psc (TZ)



Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda